**N° 18**

# IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

KA02 1359



● **Muri Zayire Abatutsi barashirira ku icumu. Nyuma y'urupfu rw'inkotanyi BISENGIMANA.**



[illegible] aratuma Abahutu bafata [illegible]

● Vive l'Unité des Bahutu dans un Pays uni et pacifique



Rwigema yapfuye tariki ya 2/10/1990.

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

# Editorial

## NTIBIKATUBERE URUJIJO

**KA02 1360**



*Abanyarwanda benshi ndabona basa nkaho bagisinziriye mu bya Politike. Yewe si na rubanda rwibera mu cyaro gusa usangana iyo ndwara yo kutamenya aho igihugu kigeze. Kuko no mu mujyi wa Kigali abitwa ko ari abasirimu, cyangwa se ngo bageze mu ishuri usanga ari bakeya bagusobanurira ibihe tugezemo. Nawe se kubona kugeza ubu abaturage batarasobanukirwa neza icyo itegeko nshinga rivuga naho ritandukaniye n'iryo abadepite baherutse guhindura. Usibye kumva kuri Radiyo gusa ngo itegeko nshinga ryizwe, ngo none hemejwe ingingo runaka. Ndabona ibyo bintu bitoroshye kuko hagombye gushakishwa uburyo buhoraho bwo gusobanurira rubanda. Ibyo bintu rwose birababaje kubona mu bajyanama ba Komine ku ijana ari batanu gusa bakubwira icyo itegeko nshinga rimaze abandi bose reka daa. Ni mu icura burindi n'abaryize ngo bashatse kurinenga usanga baryitiranya n'amategeko ahana ibyaha. Aha ndavuga ba baturage birirwa mu manza cyangwa mu nkiko. Aha rero ugira ngo ndabeshya azegere bamwe mu ba Burugumesitiri b'amakomine ndavuga abamazeho imyaka irenga 15 maze bamubwire icyo itegeko nshinga rivuga. Njye hari uwo nabajije ambwira ko icya ngombwa ari ukumenya manifeste na statut za MRND gusa, naho ubundi ugashora abaturage mu muganda na animasiyo, ibindi ni ibya abanyepolitiki bo hejuru.*

*Ngaho mwibaze ukuntu umuntu w'umuturage wamurenganyiriza kutamenya amategeko kandi n'abamutegeka bahorana buri munsi bari mu gicuku. Dore tugiye mu mashyaka menshi. Abaturage benshi bagaragaje ko nta wundi bifuza wababera Perezida wa Repubulika usibye HABYARIMANA gusa. Nyamara nta muturage urasobanurirwa ukuntu HABYARIMANA yaba Perezida muri iki gihe usanga hari abavuga ko bahunze MRND ngo bagiye mu yandi mashyaka nka MDR. Ngo ariko bazatora HABYARIMANA mu gihe cy'amatora. Urumva ko abantu batekereza batyo bababaje, kuko ntawahakana ko badategekwa buhumyi. None se bazahumurirwa ryari iby'amashyaka menshi tugiye kugeramo. Ibyo rero nibyo usanga MDR igenderaho ibeshya rubanda ngo nirwiyandikishe muri MDR. Ngo ntakizarubuza gutora HABYARIMANA. Oya rwose murahemukira igihugu cyababyaye. Nimusobanurire rubanda politike yanyu.*

**MDR, 7%**



**MRND, 90%**



**PSD, 2% - PDC 1%**



***Politike yanjye izwi na Rubanda Nyamwinshi, uhereye ku bahinzi-borozi baba mu cyaro. Ubwitange bwanjye buzwi n'ingabo z'igihugu. Namwe mwese mukunda Ubumwe-Amahoro-Amajyambere ntihazagire ababashuka babizeza ibyo batazashobora, muzabanze musesengure uko abo bababeshya babayeho, uwo muzasanga yifuza gufata ubutegetsi ngo yihorere, cyangwa ngo yirukane ku kazi abo bagize icyo bapfa, uwo muzamwamaganire kure.***

KA02 1361

*Mubabwire ko muzakora ibishoboka. Mwere kwizeza rubanda ibyo mutazashobora.*

*Baturage namwe ndakeka ko ntawe uzongera kubabeshya niba mushaka ko HABYARIMANA akomeza kutuyobora. Nta yindi nzira yo gutuma HABYARIMANA aguma ku butegetsi. Usibye gutora ishyaka rye ryavuguruye. Gutora Perezida HABYARIMANA ni ugutora MRND ivuguruye. Ngaho rero niba mushaka kugumana uriya mugabo wemerwa n'amahanga, inzira nta yindi ni iriya tuberetse.*

*HABYARIMANA turamutekerezaho iki by'umwihariko. N'ubwo KANGURA yarangije kugaragaza ko ariwe izamamaza. Ntibyatuma tutagira icyo tuvuga ko butegetsi bwe, cyangwa ku bikorwa n'abyo yahaye amata, kuko kuri twe gushyigikira Perezida HABYARIMANA ni ugushyigikira umugabo w'inyangamugayo ukunda ukuri wemerwa n'amahanga. None se hari uwashidikanya ko inkunga abazayirwa baduteye muri iyi ntambara, kandi bazahora badutera, itavuye ku bucuti bwa HABYARIMANA na MOBUTU bisanganiwe. Kandi bumaze igihe kirekire usibye na Zayire se ni nde utazi inkunga Perezida w'ubufaransa yateye u Rwanda, kandi azahora atera ubutegetsi bwa HABYARIMANA. Ese aho mwibuka ko ibyo byose Mitterand abikorera u Rwanda kubera ubucuti afitanye na Habyarimana by'umwihariko.*

*Ibyo ubufaransa bukorera u Rwanda kubera HABYARIMANA sinjye ushinzwe kubivuga kuko uzabikenera yabaza Ministre ushinzwe ububanyi n'amahanga Dr BIZIMUNGU Casimir, cyangwa uhagarariye ubufaransa mu Rwanda. Ingero ni nyinshi nashoboraga gutanga. Uzabihakana nawe azerekane ukundi abibona niko muri demokarasi bigenda. Kugira ngo HABYARIMANA yemerwe mu mahanga nuko mu mikorere y'ubuyobozi buri gihe aba agamije kuzamura rubanda nyamwinshi.*

*None se, niba koko TWAGIRAMUNGU Faustin wo muri MDR aziyamamariza ku mwanya wa Perezida wa Repubulika, ni ayahe mahanga yazihanganira gutera inkunga u Rwanda kandi bazi neza ubusambo n'ubugwari bwamuranze. Si ibyo gusa kuko inkunga twatewe n'amahanga mu rwego rwa transport, niwe nyirabayazana mu kuyicunga nabi. Dore ko Leta yari yashoye iyo mari muri STIR. Bibaye ngombwa rero Twagiramungu yanashyikirizwa ubucamanza, wenda tukamubabarira hamwe n'abandi bakoze nkawe baboneka mu yandi mashyaka.*

*Tunyarukire kwa Gatabazi uyu uzwi mu Rwanda no mu mahanga ko ari igisambo kabuhariwe mu kunyereza iby'impunzi. None se ko mwese muzi ukuntu H.C.R, wa muryango mpuzamahanga wita ku mpunzi, ufasha u Rwanda kandi uzakomeza kudufasha. Nimwibaze uwo Gatabazi aramutse atsinze ukuntu twaseba mu mahanga. Urubanza rwe rwakurikiwe n'isi yose amahanga ashima ibihano yafatiwe. Kuba byonyine yarafunzwe n'ubusambo bwe biragaragaza ko atashoboraga gutinyuka kwiyamamaza dore ko n'abanyabutare bamuzi neza bamwamaganye. Nawe se umuntu wihandagaje agafatanya na Nzamurambaho wateje inzara ku Gikongoro kandi ahavuka. Iyumvire nawe kubona adateza imbere imishinga y'ubuhinzi iwabo! Uwo Bangamwabo koko wahugiye mu kwihingira urumogi akibagirwa icyateza imbere rubanda kandi ariwo wari ushinzwe Minisiteri y'Ubuhinzi murabona koko hari icyo azamarira rubanda. Uwo nawe yamaganwe na rya shyirahamwe ry'isi yose rirwanya ibiyobya bwenge. Niwe koko ugiye kwiyamamariza umwuga ukomeye nk'uriya. Rubanda nirusobanurirwe amavu n'amavuko n'ibikorwa bya bariya biyemeje gushinga amashyaka. Ngo ejo babone uko basahura umutungo w'igihugu, bamaze kwihimura ku bababujije kwiba. Ingero ni nyinshi zerekana ko mu gushinga amashyaka bishakira inyungu zabo gusa.*

*Perezida HABYARIMANA yemeye ubwe ko habaho amashyaka menshi, ni ukuvuga ko yemeye guhangana n'abakandida benshi ku mwanya wa Prezidansi ya Repubulika. Turasaba abashinga amashyaka mwese gutangira kudushakira abakandida b'indakemwa, bafite ubuhanga, ubushobozi, umurava, gukunda igihugu, kwemerwa n'amahanga, byibura bakwishyira mu rwego rw'umubyeyi Habyarimana. Bitabaye ibyo ayo mashyaka yandi nareke kuyobya rubanda ! Abakandida nyabo barihe ?*

*Muri make wasanga HABYARIMANA agomba gutorwa byanze bikunze kuko abo nakwita bakeba be nkuko nawe yiyemereye ku mugaragaro ko yemeye guharikwa. Abo bakeba rero ibyo rubanda ibaziho bashatse basubira aho bahoze cyangwa se bagategereza imbabazi ngo zaba zizatangwa ku banyabyaha bose bifuza kuba abanyapolitike. Rwose Radiyo Rwanda nisobanurire rubanda icyo aricyo ubutegetsi mu mashyaka menshi.*

*Nawe wakwibaza uko wabona abaturage bakwinubira abategetsi Umukuru w'Igihugu yizeye, nyuma bakamutenguha kugeza aho babigeza kuri KANGURA. Nk'abanya Cyangugu Prezida wa Repubulika yabakorera iki ?*

*Kubona abanya Cyangugu bifuza ishyaka ryatsinda ngo ribavanireho Burugumestiri MUBILIGI wa Kamembe, ubutegetsi buhumyi koko ! Ubwo murumva abashinzwe kurebera HABYARIMANA batarimo bamugirira nabi. Ariko bimaze kugaragara ko ibyegera bya HABYARIMANA biri mu yandi mashyaka byifuza ko abo bategetsi badakunzwe n'abaturage bagumaho maze abaturage bakabiheraho bahunga MRND ; bayiziza ko itamenya akababaro kabo.*

*None se wasobanura ute ukuntu ba Burugumestiri wa Muhazi, Nyamyumba, Rwerere, Gisuma, Gatare, Kamembe amashyaka yabasanga mu ntebe koko. Dore nk'ubu ngo Burugumestri wa Nyamyumba yamenye ko hafashwe ibyemezo byo kumuvanaho, none muri iki gihe urwandiko rumuvanaho rutarasohoka yiyemeje gushakisha ku ngufu aho yavana ay'impamba. Ubwo koko ntibizaba biteye isoni, kubona hari agatsiko k'abaturage ngo biyemeje kumuvana mu biro ku ngufu. Leta nitaba maso ngo igarurire hafi icyo*

KA02 1362

*kibazo kuko MRND izahazaharira kubera KAREMERA Egide wa Nyamyumba.*

*Ku byerekeye bariya bagiye gushinga amashyaka, na n'ubu batavuga ukuntu u Rwanda ruzatsinda inkotanyi n'inzara cyangwa ngo batwereke icyo bazakora ngo imfashanyo duhabwa n'amahanga zikube kabiri, cyangwa batwereke ikindi gihugu twanze kubana nacyo kandi kidufitiye akamaro. Mbese nabo ubwabo ugasanga batazi icyo bakora cyangwa bagamije. hari umwe mu bahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda uherutse kumbwira ko abashinga amashyaka mu Rwanda bose ngo barahubutse, ngo barishakira kuvugwa gusa kugira ngo bamenyekane. Ngo n'ibinyamakuru bigenda bivuka buri munsi kandi wareba ugasanga ntacyo byungura rubanda usibye kwihisha inyuma y'amashyaka byigisha rubanda gusebanya no gutukana gusa.*

**Itangazamakuru**

*Hari benshi bakunze kuvuga ko KANGURA ikorana n'ubutegetsi ngo kuko ibyo itunze agatoki ko bitagenda neza ngo Leta ihita ibivugururura vuba. Si byose koko kw'isi hose ikinyamakuru cyubahwa na rubanda. Ibyo cyikomye byanze bikunze birahindurwa. KANGURA nicyo kinyamakuru gisomwa na benshi mu Rwanda no mu mahanga. Gikoresha abakozi b'ingeri zose, gishyira ahagaragara ibitameze neza nta gusebanya. Kandi mwibuke ko KANGURA ari ijwi rigamije gukangura no kurengera rubanda nyamwinshi.*

*Igitangaje n'uko hari abategetsi ngo batagomba kuvugurura ibyo KANGURA yavuze ngo hato abaturage batavuga ko KANGURA ariyo itegeka. Icyo twe duharanira ni ugushyira ahagaragara ibitagenda neza no gufatanya kubishakira umuti. No kureba icyabiteye ngo dufatanye kucyamagana.*

*Birababaje kubona abakoze dosiye yo kuvanaho Bourgmestre wa Rubavu ari nabo bakoze dosiye ya Bourgmestre wa Nyamyumba none bakaba barageze ibukuru iya Rubavu gusa. Iya Nyamyumba igasigara. Wenda ashobora kuzahagarikwa ahitira muri gereza dore ko umutungo wa Leta yanyereje ntawakwihanganira ko ugenda nyombere. Dosiye ye izajya ahagaragara nava mu kababaro ka mukuru we wategekaga TRAFIPRO none akaba yarapfuye vuba aha.*

*Tuboneyeho No kubwira Ministre wari ushyigikiye uriya Bourgmestre wa Rubavu ko ashyitsa umutima mu nda ntitukimutangaje kuko ikibazo cyakemuwe nyuma y'aho Kangura N° 17 isohokeye. Ibyagombaga gukosorwa byarakosowe, ahasigaye n'aha Nyamyumba-Rwerere-Kamembe-Gatare-Gisuma-Kigombe na Muhazi.*

*NGEZE Hassan*

Wari uzi ko mu ba Yisilamu bo mu Rwanda 80 % ari Abatutsi ? Menya ko badakunda Abahutu ubihakana azumve uko bavuga inkotanyi.

# ZAIRE: VIVE L'UNITE DES BAHUTU, dans un pays uni et pacifique.

La Communauté Hutu du Zaïre suit avec beaucoup d'intérêt les préparatifs du Ministère de l'Administration du Territoire quant à la réussite de l'opération d'identification des nationaux. La Communauté Hutu est depuis longtemps victime de la Loi n° 81/002 du 29 juin 1981. Dans sa déclaration rendue publique par la Communauté Hutu de Kinshasa sur la partialité des chefs coutumiers responsabilisés pour mener l'opération d'identification des nationaux et sur le statut juridique des Hutu transplantés au Congo-Belge par le pouvoir colonial on se pose la question de savoir comment une loi peut rendre apatries plus d'un million des personnes sans aucune raison, dans un milieu où ils constituent plus de 80% de la population.

La Communauté Hutu du Zaïre voudrait que cette opération soit mené par des personnalités neutres et impartiales originaires des autres régions du Zaïre. Pas question de confier cette lourde tâche aux seuls chefs coutumiers sans qu'il n'y ait un contre-poids des Hutu. Les chefs coutumiers sont accusés par la Communauté Hutu d'être non seulement impartiaux mais surtout d'être à la base des confusions et complications de l'opération d'identification. Les faits sont connus.

La Communauté Hutu de Kinshasa recommande à la Commission d'identification d'avoir à l'esprit que, hormis les réfugiés Hutu Burundais, qui ont toujours été priés de se présenter comme tels, aucun autre Hutu n'est réfugié. Il est connu de tout le monde que la révolution Hutu du Rwanda de 1959, qui a précédé l'indépendance de ce pays, a drainé uniquement des réfugiés Tutsi dans les pays limitrophes. Les réfugiés Tutsi se retrouvent aussi bien au Nord et au Sud-Kivu et se localisent surtout dans les grands centres. Par contre les événements du Burundi, quant à eux, a drainé des vagues de refugiés Hutu qui sont localisés dans le Sud-Kivu. Depuis l'accession du Zaïre. (ex Congo-Belge) à la souveraineté internationale, les Hutu transplantés au Congo-Belge sont victimes d'une contestation permenente orchestrée par certains milieux politiques, pour des fins inavoués. Cette contestation devient toujours plus accrue à la veille des élections. La réalité est que ces milieux politiques craignent la puissance numérique de ces Hutu dont le nombre avoisine un million dans le Nord et dans le Sud-Kivu.

Afin de se débarasser des concurents politiques Hutu, les milieux politiques n'hésitent pas de les traiter, à tort, de Rwandais, des réfugiés rwandais ou d'étrangers tout court. La situation se complique davantage avec l'entrée en jeu des réfugiés

KA02 1363

Tutsi. En effet, au nom de la solidarité des minorités, les Hunde (± 12% de la population); détendeur du pouvoir local à Masisi et les Tutsi (± 5% de la population), influents dans les sphères de la politique nationale, font des alliances et par le jeu du truquage des élections, les élus du peuple de la Zone de Masisi ont jusqu'ici été soit des Tutsi, soit des Hunde de sorte que l'opinion croit que les habitants de Masisi sont des Tutsi et des Hunde. A l'échelon national, les Tutsi font tout pour récompenser les Hunde en proposant leurs nominations jusqu'au Comité Central avec l'aide des BISENGIMANA Rwema et compagnie ! Les réfugiés Tutsi au lieu d'accepter leur statut, ont tout fait pour créer la confusion et se mettre dans la même situation que les immigrés, en faisant signer au Président de la République, l'ordonnance-loi n° 71/020 du 26 mars 1971 relative à la nationalité congolaise par les personnes originaires du Rwanda-Urundi établies au Congo depuis 1960. Contrairement aux réfugiés Tutsi, les Hutu transplantés par le pouvoir colonial ont, de 1960 à 1971, été électeurs et éligibles alors que les réfugiés Tutsi ne l'ont jamais été jusqu'à cette date. Depuis leur installation au Congo-Belge jusqu'à ce jour, les Hutu n'ont en aucune attache juridique avec le Rwanda. Quant aux réfugiés politiques Tutsi, ils n'ont jamais cessé de rêver leur retour au Rwanda pour prendre le pouvoir. Actuellement, ils usent de leur influence sur certaines personnalités zaïroises pour que les Hutu soient traités comme des Rwandais dans le but d'accabler le régime de Kigali. Et ils pourraient réussir puisque le législateur de 1981 a déchu de leur nationalité les Hutu transplantés par le pouvoir colonial, le résultat étant simple: l'APATRIDIE aux Hutu transplantés par le pouvoir colonial. Alors que la loi de 1972 dispose comme suit en son article 15: «les personnes originaires du Rwanda-Urundi qui étaient établies dans la province du Kivu avant le 1er janvier 1950 et qui ont continué à résider depuis lors dans la République du Zaïre jusqu'à l'entrée en vigueur de la présente loi ont acquis la nationalité zaïroise à la date du 30 juin 1960». Les Hutu du Zaïre n'ont jamais possédé la nationalité rwandaise. Le retrait de la nationalité zaïroise qu'elles ont toujours en ne peut que les laisser apatrides. La population Hutu du Zaïre est victime de toutes les confusions et décisions, c'est pourquoi elle désirer ardement que l'opération d'identification soit faite dans l'ordre et l'équité.

Hutu du Burundi, Hutu du Zaïre, Hutu du Rwanda, Hutu du monde entier unissez-vous de Paix, de Justice et de Tranquilité.

*KANGURA est avec vous !*
*SALAMA !!!!*

## PUBLI-REPORTAGE

# DECLARATION DE LA COMMUNAUTE HUTU DU NORD-KIVU

Nous, membres de la Communauté Hutu,

Après avoir lu le communiqué de presse du Ministère de l'Administration du Territoire et de la décentralisation, publié dans l'Agence Zaïre-Presse (AZAP) du 30 mai 1991, et relatif du recensement imminent des populations des Nord et Sud-Kivu et de Moba;

Après avoir reçu des informations qui nous parviennent de l'arrière-pays et selon lesquelles ce recensement aurait commencé à Goma, où les immigrés de Masisi seraient exclus de ce recensement et verraient leur carte de citoyen arrachée;

Après avoir déposé, pour examen et réponse; la Déclaration des Hutu sur la question, à la Présidence de la République, à la Primature et à l'Administration du Territoire et décentralisation;

Tenons à préciser ce qui suit, à l'intention du Gouvernement de Transition élargi, et à l'opinion tant nationale qu'internationale:

1. La Communauté Hutu, dans le cadre de la Nation zaïroise, est une et indivisible, et il n'est au pouvoir de personne de la diviser ou de l'affaiblir.

2. Cette Communauté est composée d'une part, des originaires du Zaïre, habitant principalement les zones administatives actuelles de Rutshuru, Nyirangongo, Karisimbi et Goma (appelées Territoire des Bahutu sous la colonisation) et pour lesquels il n'existe aucune contestation quant à leur appartenance à la Nation zaïroise, et d'autre part, des populations immigrées du Ruanda-Urundi, transplantées dans la zone de Masisi par l'autorité coloniale belge dans les années 1930-1950, et qui ont perdu tout lien avec leur pays d'origine.

3. Priver ces dernières populations de la nationalité zaïroise, c'est les punir pour un acte dont elles ne sont pas responsables. Et pourtant c'est de cela qu'il s'agit depuis que, sous la dictature du défunt Comité Central du MPR qui, mal inspiré comme il le fut si souvent et dans tous les domaines, une loi rendit ces immigrés apatrides, en leur déniant, en 1981, la nationalité zaïroise qui, pourtant et avec raison, leur avait été reconnue au 30 juin 1960 par la Table Ronde politique, la loi fondamentale, la constitution de

KA02 1364 –

Luluabourg et la loi nº 72/002 du 15 janvier 1972 sur la nationalité. La constance de cette position politique, constitutionnelle et légale étant en soi un argument qui aurait dû faire réfléchir cet organe du défut Parti-Etat. Hélas, il était sans doute déjà installé dans des réflexes qui devaient conduire à sa perte.

4. Cette position était fondée. Elle l'était d'autant plus que ces immigrés n'avaient aucune autre nationalité et que le Zaïre ne pouvait leur enlever la nationalité sans les rendre apatrides, se mettant ainsi lui-même en marge de la communauté internationale qui, à travers la Déclaration universelle des Droits de l'homme et d'autres Pactes internationaux, fait du droit à la nationalité, un droit de l'homme, aussi fondamental que la vie, la santé ou l'éducation.

5. Cette position de reconnaître la nationalité aux immigrés de Masisi est aussi celle de toute la Communauté Hutu du Zaï re. Nous demandons aussi qu'elle soit celle de tous les compatriotes et de tous les hommes de bonne volonté qui souhaitent voir le Zaïre grand, prospère et uni. Et il ne pourra l'être que par l'intégration de tous ses enfants, et non par l'exclusion de certains d'entre eux.

.../B.BOS/NG/BMK/91.

# ABATUTSI BO MURI ZAIRE MU MAZI ABIRA



**Umututsi waguraga amasasu inkotanyi zakoreshaga mu gutera u Rwanda yarapfuye. Hasigaye gupfa nde ngo intambara ihagarare? Nasange Rwigema aho twamutsinze.**

Ingorane ziba nyinshi ariko izo abatutsi bo muli Zaïre bikururiye zigiye kubakoraho dore rero uko byose byatangiye. Nkuko mubizi cyangwa se mwagiye mubikurikirira hafi. Igihugu cy'u Buganda nicyo gitunze abatutsi bafite imbunda. Nkuko bizwi na buli munyarwanda, naho igihugu cya Zaïre cyo, kigatunga abatutsi bakize cyane bafite ubutunzi bw'amafaranga ngabo ba RWAKABUBA, BISENGIMANA, GAHIGA, NGEZAYO, KASUKU, na Musenyeri NGABO umututsi ugitsimbaraye ku ngoma ntutsi. Naho i Burayi n'ahandi hose, muli Amerika batunze abatutsi bagize amahirwe yo kwiga mbese imputuke. Turebere hamwe uko urugendo abanyamakuru ba Kangura bagenzemo tariki ya 29/06/1991 mu turere twinshi twintara ya Kivu ya majyaruguru, ahategeka Guverineri utatubereye mwiza. Abatutsi bakozwe mu nda n'inkuru y'inshamugongo bumvise ko, uwo bizeraga ko ubugome Rwigema, Bunyenyezi, na Bayingana bari bizeye neza ko bazatuma bongera gushinga ingoma yabo ya ntutsi. Ubwo abo bagabo, inzabo z'u Rwanda zimaze kubereka icyo inyenzi zaremewe, abatutsi bose barumiwe barakonja, babura aho bakwirwa. Museveni nawe bimubera urujijo kuko yari abuze ibyegera bye bimukurikira uko ari bitatu. Ubwo ibibazo bimubana urufaya, abura aho ya kwirwa, yiga kubeshya, kandi nta mu perezida ukwiye kubeshya, usibye uriya mugaragu w'inyenzi Museveni. Ubwo abatutsi bagerageza kubaza Museveni uko bakwifata ubwo abizeza ko agiye kubatiza murumuna we ngo abatize umurindi. Ayobora imirwano usibye ko nawe yabanje kubangira, bakamwumvisha ko agomba kurwana ku nyenzi bene wazo. Ubwo abaganda nyabo babonyeyeho uburyo bwo kumvisha abanyamahanga ko Museveni atari umuganda, kuko yabigaragaje muri iriya mirwano y'inyenzi-nkotanyi.

Abatutsi rero ubu bari mu kiriyo kubera urupfu rw'inkotanyi BISENGIMANA Rwema waguye muli Amerika. Nkuko tugiye kubibagezaho: uyu Bisengimana n'umwe mu batutsi bagize amahirwe yo gukira birenze urugero, aza gushyirwa muli komite nyobozi ya MPR ku buryo

KA02 1365

yaje gutikura agakuzamo umuhutu nawe wari waragize amahirwe yo kwinjiramo. Uwo mututsi rero yaje kwemera guteguran n'abandi batutsi biyise inkotanyi, mu gutegura ibitero bagabye mu Rwanda. Ubwo yafashe kimwe cya kabiri cy'umutungo we agura intwaro azohereza i Buganda azi ko mu gihe kitarenze icyumweru bazaba bafashe u Rwanda. Nyamara aho ingabo z'u Rwanda zigaragarije ko zitavogerwa, ubwo abo batutsi bose barateranye uko nabavuze haruguru basanga baragize igihombo kitabarika. Bibaza ibi bibazo ngiye kubagezaho hepfo:

Abatutsi baba muri Zaïre basanze aribo bafite umutungo w'amafaranga ubwo bafatanya n'abandi batutsi bo mu Buganda no mu Burundi, no mu Rwanda, bashaka gukora umugambi wo kwigarurira intara ya Kivu batuyemo. Bamara kuyifata bagatera u Rwanda. Bakarimbura icyitwa umuhutu cyose, ubwo bagafatanya n'abandi batutsi bo mu Burundi mu kurimbura Gahutu wo mu Burundi. Ubwo icyitwa umuhutu cyose kikaba kiribagiranye.

Bamaze kubona uwo mugambi ntutsi utakigezweho kubera ko batinyaga ko biramutse bibapfubanye, aribo barimburwa burundu abatutsi bo mu Burundi babagira inama yo guhindura amayeri kugirango barebe ko barya kabiri. Ubwo biyemeza gutera u Rwanda ibyitso babihata amafaranga sinakubwira, bemeza ko, igihe cyose ubutegetsi ntutsi nibufatwa, ikitwa umuhutu cyose, kirangwa muli aka karere — Rwanda — Burundi — Zaïre — Uganda, icyo kiremwa Hutu, nticyagombaga kongera kubaho. Ku buryo abana bavuka ubu ngo bari kuzajya babaza igihe umuhutu yabereyeho n'uko yasaga. Abatutsi ubwo ngo bagombaga kujya berekana ingagi mu mwanya w'abahutu. Ngurwo urwo abahutu bari bapfuye.

Amezi amaze kuba atandatu rero nibwo ba Bisengimana bafashwe n'indwara y'umutima. Ajya kwivuza muri Amerika ari naho yaguye. Ngo abazungu baba baramubwiye ko arwaye ubwoba, no kwiheba usibye ko abaganga b'abazayirwa bo bemeza ko, intambara yo mu Rwanda yatumye, sida yaramaranye igihe, imuhuta vuba. Uko yaba yarapfuye rero, kuri twe Abanyarwanda ntacyo bivuze, icyangombwa n'uko akurikirana na ba Rwigema. Na Kayitare dutegereje urupfu rwe mu gihe cya vuba. Abatutsi bo mu Rwanda bo bafashe bate nyuma y'ibyo byose ?

Kubera ko abatutsi bo mu Rwanda batavuga aho babogamiye, usibye ko buli wese abibona, cyane cyane uganiriye na bariya batutsi bafunguwe cyangwa se na bariya bagitsimbaraye ku ngoma ya cyami, naho ubundi, abatutsi bose b'ibyitso bifuzaga ko inkotanyi zafata ubutegetsi mu nzira iyariyo yose, kuko ariyo mizero yabo ya nyuma. Uwavuga aho abatutsi bo mu Rwanda babogamiye ya bizira. Rero twivugire abatutsi bo muli Zaïre bo bigamba ku mugaragaro. Dore ko twabashije kubonana n'inkotanyi ziyise Impunzi, ubu zikaba ziba kuli Goma — Zaïre, maze titubwira uko byifashe kuruhande rwabo.

Uwitwa MUGABOWISHEMA Mohamed wiyise impunzi ubu akaba ari mu kigo cy'impunzi aho i Goma, yatubwiye ko bemeye ko batsinzwe ko, ahubwo bafite ubwoba ko nibagaruka, abahutu bashobora kwihorera. Ngo n'amafaranga bahabwaga yo kubajyana i Buganda yarahagaritswe. Ku buryo bari mu mazi abira. Undi mututsi nawe yatubwiye uko bagiye ku byifatamo. Nyuma yo kwemera ko batsinzwe, dore uko abivuga: tumaze kubona ko u Rwanda rw'abahutu tutakirubonye, twasanze tudashobora kuza guturana nabo, twaje turasa, none duhisemo gushaka ukuntu twakongera kwiyoberanya ngo twibere abazayirwa. Ni cyo gituma, abatutsi bo kuli Goma bakoze inama kuwa gatandatu, kuya 29/06/1991 saa sita zamanywa, iyo nama irangira ni mugoroba. Hali n'abanyamakuru benshi. Abanyamakuru ba Kangura nabo ntabwo bahatanzwe kuko bali bahali.

Muri iyo nama rero bemeje ko bagomba kurwanya abitwa «Abanandi» bumwe mu bwoko butuye Zaïre, kuko abo banandi bashaka ko buli mututsi yahabwa ibyangombwa by'abanyamahanga. Icyo bapfa ngo n'uko abatutsi bageze iwabo bakabakirana bakironda, barongora abakobwa babo, n'abo bashyingiye mu bundi bwoko buba muli Zaïre, akaba ari uburyo bwo kujya gutata. Dore ko akenshi baba bashyingiye mu bategetsi. Ngicyo icyo Abanandi bapfa n'abatutsi batemera ko ari nabo bake mu karere kose batuyemo. Turebe uko kuri Goma n'ahandi hose muli Kivu y'amajyaruguru byifashe:

| | | |
|---|---|---|
| HUTU | : 1.153.070 | — 41 % |
| NANDE | : 1.321.812 | — 47 % |
| TUTSI | : 98.433 | — 3,5 % |
| NYANGA | : 84.371 | — 3 % |
| HUNDE | : 153.680 | — 5,5 % |

Umwami Ndeze ashyigikiye abahutu aho bari hose kw'isi. Mu Rwanda tumenyereye kumva ko, abami bose ari abatutsi. Ariko muli Zaïre ho siko bimeze. Kuko buli bwoko bufite umwami wabwo. Nkuko bimeze mu karere ka Rutshuru. Umwami Ndeze rero, umuhutu ufite igisekuruza gikomoka mu Rwanda, wakunze kurwana intambara itoroshye n'abatutsi, abavanamo umutima wabo w'inzoka ku buryo yaje gushyirwa muri Komite nyobozi ya MPR, aza no kuba Depite muli Zaïre, maze abatutsi babonye ko habonetse undi muhutu nawe ushobora kwigerera i bukuru, nibwo ba Bisengimana, ba batutsi bamurwanyije cyane, kugeza ubwo ababisa. Ariko intambara iracyari yose. Byagenze bite rero nyuma yuko inkotanyi zitereye u Rwanda: u Rwanda rumaze guterwa n'inyenzi-inkotanyi zigizwe n'abatutsi, abahutu bo muli Zaïre bakoze uko bashoboye ngo batabare u Rwanda bakoresheje ingufu zabo zose. Icyo abahutu bo muli Zaïre rero bakoze bwa mbere n'uko buli mututsi wa-

cikaga bw'icumu agatoroka anyuze inzira y'i Birunga yasanganyizwaga imipanga na macumu ku buryo nta Mututsi n'umwe wacitse ku rugamba wigeze atamba uwabihakana ya zegera abatuye i Rutshuru ku mu paka w'u Rwanda — Uganda na Zayire cyangwa atareba imitwe na paka w'u Rwanda — Uganda na Zayire cyangwa atareba imitwe na maguru na n'ubu bigitemba mu mugezi waho ngaho.

Mbese ibyo abahutu bo muri Zayire bakoze badufasha kurwana iyi ntambara ni byinshi kandi bazakomeza kudufasha. Bamwe muri abo bahutu baragira bati "u Rwanda iyo rwigarurirwa n'abatutsi, abahutu bo muri Zayire nabo bari guhura n'ingorane zidasanzwe. Bari gushirira ku icumu. Abahutu bo mu Burundi, cyane cyane impunzi ziri mu Rwanda, nabo bazi ko ariko byari kubagendekera. None se u Burundi kwangako inkotanyi zitera u Rwanda ziturutse i Burundi wagize ngo ni urundi rukundo ! Reka da ! Ahubwo abatutsi bo mu Burundi batangajwe no kubona u Rwanda ruhangana n'abatutsi bo mu Buganda bari bazwiho ubuhanga mu kurwana noneho bashya ubwoba maze bacika intege. Aho gutera baturutse i Burundi noneho bakajya batoza inkotanyi bakazohereza gushirira iyo mu Mutara no mu Birunga zinyuze mu Buganda. Kugeza magingo aya rero inkotanyi ziracyoherezwa ziturutse mu Burundi. Turibaza rero niba guverunoma y'u Burundi itazi ko k'ubutaka bwayo ikoreramo habera ubugizi bwa nabi nk'ubwo bugamije guhungabanya amahoro mu gihugu bahana imbibi. Twegereye umusirikari wo mu Rwanda ukomeye kandi uzobereye mu by'intambara, tumubaza ukuntu u Rwanda rwabyifatamo ruramutse rutewe n'abaturutse i Burundi. Uwo musirikari yasubije aseka cyane ati "na bo barabizi kereka bashaka kw'ikoraho. Birazwiko 85% by'Abarundi ni abahutu kandi bakaba bashaka kwigobotora akarengane bamazemo ibisekuru n'ibisekuru uretseko babuze aho bamenera. Ubwo rero 14 % b'Abarundi ari bo batutsi bateye u Rwanda, Abanyarwanda bakwirwanaho bizeye bidasubirwaho ingufu nyinshi z'abahutu b'abarundi. Kandi amahirwe yo gutsinda akaba ari menshi n'ikibazo cy'impunzi z'Abarundi b'abahutu kigashyirwa ahagaragara. Mbese ntibyaba kimwe n'inkotanyi zizeye ingufu z'abatutsi bari mu Rwanda kandi zitageze no kuri 1/5 cy'ingufu z'abahutu. Ibyo bikaba ari ibitekerezo byanjye. Cyakora Perezida Buyoya yatwijeje rwose ko nta gitero kizaturuka i Burundi. Ikindi kandi, intambara si yo kamara. Hari ubundi buryo bwiza bwo gukemura ibibazo by'abaturage. Naho kubijyana n'ukuntu abahutu bo mu Burundi ubutegetsi bwabageraho, twabitega amashyaka menshi. Ndumva ari yo nzira nziza izabavana mu kaga bamazemo igihe kitari gito". Ibyo byari ibitekerezo by'umusirikari twaganiye.

## TWIGARUKIRE KURI BISENGIMANA Rwema

Bisengimana ni we nkotanyi ikomeye kurusha izindi kuko mbere y'uko duterwa yakoranye inama na Museveni yemera ko ari we uzariha intwaro zose zizakoreshwa muri iriya mirwano. Yizeza Museveni ko agiye gukoresha amanama azahuza abatutsi bose ku isi akabereka uko bazajya batanga imisanzu mu ibanga no gushyiraho komisiyo ishinzwe gukusanya iyo misanzu. Ubwo Bisengimana Rwema wiganye na Katabarwa André akaba n'inshuti ye magara, ahatanga amamiriyari yari yaribye igihugu cya Zayire ubwo yari umujyanama muri perezindasi ya Zayire no muri komite nyobozi ya MPR. Muri iyo komite, Bisengimana yaranzwe n'amatiku yakunze kugirira nka NGUNZA K.B, cyane cyane ariko ayo matiku yayagiriye abahutu bakomoka muri Kivu zombi. Ibyo bizwi n'umwami Ndeze w'umuhutu yirukanishije muri komite nyobozi ya MPR kugira ngo atazavumbura umugambi wagombaga gufatwa n'abatutsi bakomeye bari mu butegetsi bwa Zayire, noneho akawushyikiriza komite nyobozi. Twibutse ko Bisengimana Rwema avuga abeshya ko akomoka ku (Ijwi) naho Ndeze akaba ari uw'i Rutshuru. Utwo turere twombi turegeranye ku buryo umwe ashobora gutahura imigambi y'undi. Uwo mugambi rero bangaga ko Ndeze azahishura wari uwo gutegura ukuntu Rwigema na bagenzi be bafashwa mu kugura intwaro zo gutera u Rwanda.

Nyamara abahutu bo muli Zayire baje gutahura uwo mugambi maze nabo bashyiraho ishyirahamwe ryabo rigomba gutahura ubugome abatutsi babakorera kandi bose hamwe bakagira umutima w'ubufatanye kugira ngo babashe kwikemurira ibibazo bagenda bahura na byo. Ingwe ntiyari izi gufata ku gakanu. Ishyirahamwe ryabo ryitwa MAGRIVIN. Mbese ntaho ritandukaniye na M.D.R. yo mu Rwanda. Usibye ko abatutsi ari inyáryenge bakaba bagerageza gukoresha amafaranga yabo ngo bagire abaja b'abahutu bakennye. Bigatuma rero abahutu batavuga rumwe. Ako kantu ni ako gukosorwa.

### Abahutu bo muri Zayire murabe maso

Ejo bundi ku cyumweru tariki 30/06/91, abatutsi bo muri Zayire bakoze inama yo gushakisha ukuntu bakwifata nyuma yuko bigaragaye neza ko batsinzwe k'urugamba rwamaze urubyiruko rw'abatutsi — usibye abakobwa babo bagihanyahanya. Iyo nama rero yari igizwe n'undi mutwe witwa C.E.R.E.A. Bemeje ko bagomba guhindura politiki. Ubwo u Rwanda rubuze, igice cya Zayire ntikikabure.

### Dore uko bazabyifatamo

Buri mututsi yahawe ishingano zo gutanya abahutu akoresheje uburyo bwose bushoboka nko gutanya abakene benshi n'abakire. Kohereza abatutsikazi kujya gutata abahutu kugira ngo bamenye icyo bagambiriye. Kwigira Abazayirwa kandi amategeko atabyemera. Gusopanya ibarurura ryo muri Zayire. Kuzambya amatora yose yaba mbere y'uko bisuganya. Gutesha umu-

KA02 1367

twe abahutu bo bigaragara ko babana neza n'Abazayirwa. Barangije bemeje ko bagomba gukomeza kwironda, umututsi ntatume hari mwene wabo wandagara, ntihagire umututsi urongora umuhutukazi...
Inama yarangiye k'umugoroba, bemeza ko bazongera guhura ari uko bamenye icyo inama ya F.P.R. yabereye mu Bubiligi mu minsi ishize yagezeho, dore ko yigaga niba ishobora kuza gushinga ishyaka mu Rwanda cyangwa se gukomeza imirwano. Ubwo iby'izo nama zombi dushobora kuzabibagezaho mu bihe biri imbere kuko dufite "ibyitso" bya KANGURA kudutariramo amakuru.

**Urupfu rwa BISENGIMANA**

Bisengimana Rwema yaguye muri Amerika azize indwara y'umutima. Indwara y'umutima yaje igitaraganya. Ngo byatewe n'uko yasanze yaratanze amafaranga menshi muri iriya mirwano, afata n'amadeni menshi atari gushobora kwishyura. Ibyo byose iyo yabitekerezaga yataga umutwe dore ko yari amaze kwerekana ko atakiri Umuzayirwa kuko yiteguraga kuza kuba ikintu gikomeye mu Rwanda. Hari abavuga ko ibyo bibazo byose ari byo byatumye Sida yari amaranye igihe gito imuhuta. Ngibyo ibibazo bafite kubera ugutsindwa mu nzira zose. Utazicwa n'amasasu y'ingabo z'u Rwanda, azicwa n'umutima azaterwa n'imigambi ye yapfuye. Ubwo gahutu azaba ahanze amaso uko abatutsi bashira. N'ubundi byarasakuje ngo inkunguzi y'igikoba yikurira amakara.

*BARANYERETSE Mustapha.*

GLGL
DABO130 4 I 0251 KEN/
AFP-IK60
BURUNDI-POLITIQUE
A AGITATION DES HUTUS DANS LE NORD-OUEST DU BURUNDI

Nairobi, 8 juillet 91 (AFP) — des bandes organisées pronent l'insurrection armée et la révolution dans le Nord-Ouest du Burundi, selon la dernière édition d'un hebdomadaire gouvernemental, qui fait allusion, sans la nommer, à une agitation de membres de l'éthnie hutu majoritaire.

Dans la nuit du 30 juin, des bandes organisées ont écrit sur la route nationale qui mène à Bujumbura, dans la province de Cibitoke, des slogans remettant en cause les institutions du pays et appelant la population à se soulever, affirme le renouveau du Burundi paru lundi, dont une copie a été reçue à Nairobi.

L'hebdomadaire cite plusieurs témoins proches des agitateurs, qui déclarent notamment: attendez seulement le mois de décembre. C'est du sérieux. Nous devons combattre l'injustice sociale. Nous sommes résolus à monter au créneau pour proclamer notre révolution.

Mes frères sont déterminés à se venger. Ils doivent venger les leurs qui ont péri en 1972, déclare un autre habitant de la région, faisant allusion au massacre par la minorité tutsi, de 100.000 à 200.000 hutus, en 1972.

Des massacres entre communautés tutsi et hutu avaient fait 5.000 morts, selon un bilan officiel, en 1988 dans le Nord du Burundi. La président Pierre Buyoya a depuis instauré une politique d'unité nationale, marquée notamment par la nomination au gouvernement de plusieurs ministres de la Communauté hutu, jusque-là écartée du pouvoir.

MS/AB
AFP 081635 GMT JUL 91

*Umunyarwanda uvuka*
*muli Commune NDUSU*
*Secteur RUSORO*
*Umaze imyaka itanu aba*
*hano i Kampala*
— o —

*Kampala, le 14 — 06 — 1991*

*Abanyarwanda murabe maso. I Kampala ibintu birakomeye.*

*Iyi barwa nyohereje ku izina ryawe ariko ubundi iyo biba byashobokaga nali kuyohereza Abanyarwanda bose bakunda igihugu cyabo. Iyi barwa rero nkaba ngirango mbamenyeshe twe Abanyarwanda batali ku ruhande rw'inkotanyi baba hano mu Uganda umutima uhagaze dutewe n'ikintu biri hano mu Kampala muri iki gihe (ndetse tukaba twumva ko hirya ho cyane mu bice biri hafi y'umupaka ko ho ari ibindi). Uragira itya rero ugahura n'umusirikari wa N.R.A. niba muziranye ati ubu icyo tugiye gukora i Rwanda muri iyi minsi n'umwuzukuru azakiganira. Ati bariharukiriye bashinga Museveni ko aliwe wohereza abasikari be gufatanya n'inkotanyi ngo ndetse Habyarimana yarabimushinje bari mu nama ya O.U.A. ngo none ubu barashaka kumwereka ko umusirikari wa Uganda adapfa gukina nk'uko inkotanyi zabigenje. Ubu ngo bakaba bari mu myitegura kugaba igitero gikomeye cyane mu Rwanda. Ibyo rero rwose ntibikiri impuha kuko rwose biravugwa cyane hano i Kampala ku mugaragaro. Ubu*

KA02 1368

*rwose abafana ba Rwigema barongeye amabendera barayazamura (dore ko hano mu Kampala aribo basa) ubu ishyaka ni ryose ngo kuri ubu nta kibuza bazatsinda.*

*Mbese mu by'ukuri rwose usanga hano mu Kampala hari ibintu bidasanzwe dore ko aho ingabo z'u Rwanda zisubiraniye imipaka yarwo hari hampaze iminsi agatuza nta bintu by'ubufana by'impaka byari bicyumvikana.*

*Ariko rero n'ubwo birata bwose bafite ikintu cyabatangaje cyane kandi kibatera ubwoba cyane, ukuntu Abanyarwanda hafi ya bose bifatanije mu kurwanya umwanzi wabateye, ukuntu bashyigikiye ingabo zabo. Kugeza ubu rero ndemeza ko iyo ntwaro abanyarwanda nibatayitezukaho nabo birata batazabashobora. Ni ibyo nabamenyeshaga ngo mubimenye niba ari byo koko bazasange abanyarwanda muri maso mwiteguye.*

*Nkaba mboneyeho n'akanya ko kubamenyesha ko n'ubwo inkotanyi zishibuka hano muri Uganda ari naho ziba na Uganda ubwayo izishigikiye. Abanyarwanda bikuremo ko Umunyarwanda wese intambara yasanze aba mu Uganda ari ku ruhande bw'inkotanyi, sibyo bwose hari benshi cyane rwose bashavujwe n'iryo shyano ryawiriye abavandimwe babo. Nkaba rwose ngutumye ubibamenyeshe ko ino aha hari abifatanije nabo mu kababaro, tukaba twabasabira rwose gutsinda burundu amahoro akagaruka tukongera tugasurana.*

*Murakoze.*

*Yali Umuhutu uba i Kampala Uganda.*

*(Mumbabarire kuba narondogoye ni ishavu ryinshi).*

Wari uzi ko Singaye amaze kumenya ko dosiye ze zose kuva yavuka Kangura yazibonye yihutiye gushaka abanditswe na Kangura bose ngo bafatanye umugambi na n'ubu utazagira icyo wageraho. None se umuntu wagendanye n'umututsi w'icyitso witwa Gatali Mafene uzwi kuba yalicishije Sebuhoro amugambaniye akamutwara amafaranga yose yari afite ayita aye agatanga ruswa ntihagire icyo bimutwara akongera akiba amadolari y'Umutaliyani iyo dosiye ikaba iri mu Biro byiperereza i Kigali akajya kwiba muri Kenya aho atazasubira mu buzima bwe. None ubwo Gatali ugiye gushikirizwa Ubucamanza bundi bushya niwe uzafatanya na Singaye kurwanya Kangura ? Yewe nabatali bo barananiwe kuko ntawe urwanya ukuli. None se Piyo — Pascal — Gahutu — Jean na Nyina barasetse ? Yewe ACLIR irakomerewe.

Wari uzi ko mu mugi wa Kigali mu bantu ijana bahatuye 80 % ari Abatutsi. Impamvu igihe birukanaga abatagira akazi mu mugi, hagedaga Abahutu gusa. Haho Abatutsi bene wabo bakemera bakabashakira ibyangobwa by'ububoyi. Bikubitiraho n'uko ibyitso by'Inkotanyi byose byafunguwe byose byaje kwirunda i Kigali kugira ngo amahanga abicungire hafi. None se habuze iki ngo Abahutu nabo bakundane batyo ?
Abahutu ni bareba nabi imigi yose iraba iy'Abatutsi maze bo bahere mu cyaro. Ubihakana narebe Kigali, Bujumbura, Kinshasa, Kampala...

Perefe Bizimungu Kosima natabare kuko uwari Bourgumestre wa Komine Mutura akaba yarasimbuwe yiyemeje kurogesha uwari wese uzategeka iyo Komine. nkuko agenda abyivuga aho anyuze hose. Dore nkubu ngo yaba ariwe warogesheje uwamusimbuye ibisazi. Turacyabikurikiranira hafi ukuli tuzakumenya.

Ngo Abajyanama ba Komine Nyamyumba biyemeje kuzakubitira Bourgumestre wabo mu biro Leta nitamuhindura vuba. Yewe Karemera Egide ashatse yasezera mbere y'uko atabwa muri gereza.

Uwitwa Hadji Madjaliwa nawe natuze Kangura ntabwo ikimwanditse kuko bitamugwa neza. Imbere y'umukwe wa Shani. Ahubwo ku Gisenyi uwitwa Shaba na Rasta bita Munyandika Protais nibo bagezweho mu nimero y'ubutaha. Ese koko ibyabereye mu kabare ko kwa Shaba n'ukuri ? Muzatubwirire umugore wa Shaba na Protais ko bagezweho.

Ngo Umucuruzi witwa Mirari yaba yaribye inzu yiyita Uwimana Callixte kandi yitwa Uwamungu. Tuzabitangaza nawe atabwe muri yombi.

# SHISHIKARA UKANGUKE !!!

KA02 1369

## NDEKE GUKERERERWA MU KUGUTAKA KUKO USANZWE UZWI

Ubu nabyukiye kukugezaho iby'umugabo w'umunyamakuru, nako umunyamatiku witwa MUSANGAMFURA Sixbert usebya rubanda arwiyitirira akajyaho agatinyuka kwandika ibitabaho asebanya, kandi mu muco wacu wa Kinyarwanda gusebanya ari bibi. Aha ndashaka kumubaza icyo apfa na Minisitiri NZIRORERA. Arihanukiriye ati : "Sinzi icyo NZIRORERA apfa n'abanyamakuru". Ese abo wita abanyamakuru ni bande ? Abo wita rubanda se bo ni bande ? Aho si abakoshya guharabika uwo mutegetsi witwaje ubwo bunyamakuru bwawe ? Ese NZIRORERA niwe wenyine wabonye wubatse igorofa ( Etage ) mu Rwanda ? Ko se muri iriya nyandiko yawe hamwe na ba shobuja bakubeshya babyitirira rubanda, mushaka kuvuga ko uriya musebya nta kintu na kimwe yigeze akorera igihugu ? Wowe rero n'abo ba shobuja wita rubanda, niba hari icyo mupfa ntabwo ariko agipfa n'abandi bose, kuko abanyarwanda b'iki gihe ntaho bahurira n'aba kera, twese tuzi kwirebera no gushishoza.

### REKA KWIHERERANA UMUNTU KARIYA KAGENI

Ni koko inyandiko yawe MUSANGAMFURA, rubanda rugufi twarayicengeye dusanga harimo agasomborotso kenshi. Aha bikagaragazwa n'inyandiko yawe yasohotse mu kinyamakuru ISIBO nº 11, uvuga ko rubanda itigeze igira icyo ivuga ku nyandiko zawe, nawe rero urashyokerwa uti: Reka nikomereze, none se ko ntawe unkomye imbere !

